| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 37/2021 YO KU WA 21/01/2021 YEREKEYE IBYO BANKI ISABWA KUZUZA HASHINGIWE KU NGANO, UBWOKO N'UBURYO IKORAMO** | **REGULATION N° 37/2021 OF 21/01/2021 ON THE APPLICATION OF PROPORTIONALITY PRINCIPLE TO BANKS** | **RÈGLEMENT N° 37/ 2021 DU 21/01/2021 SUR L'APPLICATION DU PRINCIPE DE LA PROPORTIONNALITÉ AUX BANQUES** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije** | **Article One: Purpose of this Regulation** | **Article premier: Objet du présent règlement** |
| **Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza rusange** | **Article 2: Scope of Regulation** | **Article 2: Champ d'application du Règlement** |
| **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 3: Definitions** | **Article 3: Définitions** |
| **Ingingo ya 4: Inzego z'amabanki** | **Article 4: Classification of banks** | **Article 4: Classification des banques** |
| **UMUTWE WA II: IBISABWA AMABANKI BITANDUKANYE HASHINGIWE KU NGANO, UBWOKO N'UBURYO IKORAMO** | **CHAPTER II: PROPORTIONALITY PRINCIPLE IN DIFFERENT REQUIREMENTS** | **CHAPITRE II: PRINCIPE DE PROPORTIONNALITÉ DANS DIFFÉRENTES EXIGENCES** |
| **Ingingo ya 5 : Komite z'Inama y'Ubutegetsi** | **Article 5: Board committees** | **Article 5: Comités du Conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 6 : Abagize komite y'inama y'ubutegetsi** | **Article 6: Composition of the board committee** | **Article 6: Composition du comité du conseil d'administration** |
| **Ingingo ya 7 : Urwego rw'umurimo rushinzwe kubahiriza amategeko no gucungana n'ibyateza ingorane** | **Article 7: Risk management and compliance function** | **Article 7: Fonctions de gestion des risques et de conformité aux lois** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Itangwa ry'isuzuma ko banki ifite imari shingiro ihagije (ICAAP) n'iry'isesengura ry'ubwihaze mu bushobozi bwo kubona amafaranga (ILAAP)** | **<u>Article 8</u>: Submission of Internal Capital Adequacy Assessment Process (ICAAP) and Internal Liquidity Adequacy Assessment Process (ILAAP)** | **<u>Article 8</u>: Soumission du processus interne d'évaluation de l'adéquation du capital (ICAAP) et du processus d'évaluation de l'adéquation de la liquidité Interne (ILAAP)** |
| **<u>UMUTWE WA III</u> : IBISABWA BANKI Z'ABANYAMURYANGO N'AMABANKI Y'ITERAMBERE** | **<u>CHAPTER III</u>: PROPORTIONALITY PRINCIPLE IN COOPERATIVE AND DEVELOPMENT BANKS** | **<u>CHAPITRE III</u>: PRINCIPE DE PROPORTIONNALITÉ DANS DES BANQUES COOPÉRATIVES ET BANQUES DE DÉVELOPPEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u> : Ibisabwa byihariye kuri banki y'abanyamuryango** | **<u>Section One</u>: Proportionality principle for cooperative bank** | **<u>Section première</u>: Principe de proportionnalité pour la banques coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gutangaza raporo y'imari n'andi makuru atangazwa na koperative y'abanyamuryango** | **<u>Article 9</u>: Publication of financial statement and other disclosures by a cooperative bank** | **<u>Article 9</u>: Publication des états financiers et autres informations par la banque cooperative** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Igipimo ntarengwa ku myenda ihabwa abantu bafitanye isano na koperative y'abanyamuryango** | **<u>Article 10</u>: Limit of exposures to a cooperative bank related parties** | **<u>Article 10</u>: Limite des expositions sur des parties liées à une banque coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Abagize Inama y'Ubutegetsi muri koperative y'abanyamuryango** | **<u>Article 11</u>: Composition of the Board of Directors in the cooperative bank** | **<u>Article 11</u>: Composition du Conseil d'Administration dans la banque coopérative** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Komite z'Inama y'Ubutegetsi za banki y'abanyamuryango** | **<u>Article 12</u>: Board committees of a cooperative bank** | **<u>Article 12</u>: Comités du conseil d'administration de la banque coopérative** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibisabwa byihariye ku kuri banki y'iterambere** | **<u>Section 2</u>: Proportionality principle for a development bank** | **<u>Section 2</u>: Proportionnalité pour la banque de développement** |
| **<u>Ingingo ya 13:</u> Igipimo mu madevize bwite abitse kuri banki y'iterambere** | **<u>Article 13</u>: Net Open Position for a development bank** | **<u>Article 13</u>: Position nette de change pour la banque de développement** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibisabwa birebana n'ubushobozi bwo kubona amafaranga** | **<u>Article 14</u>: Liquidity requirement** | **<u>Article 14</u>: Exigence de liquidité** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ishoramari rinini** | **<u>Article 15</u>: Major investment** | **<u>Article 15</u>: Investissement important** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Inguzanyo ivuguruye** | **<u>Article 16</u>: Restructured credit facility** | **<u>Article 16</u>: Facilité de crédit restructurée** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u> : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER IV:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Igihe cy'inzibacyuho** | **<u>Article 17</u>: Transitional period** | **<u>Article 17</u>: Période transitoire** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ibyemezo bikosora** | **<u>Article 18</u>: Corrective measures** | **<u>Article 18</u>: Mesures correctives** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza rusange** | **<u>Article 19</u>: Repealing provision** | **<u>Article 19</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa** | **<u>Article 20</u>: Commencement** | **<u>Article 20</u>: Entrée en vigueur** <br> . |

| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA RUSANGE N° 37/2021 YO KU WA 21/01/2021 YEREKEYE IBYO BANKI ISABWA KUZUZA HASHINGIWE KU NGANO, UBWOKO N'UBURYO IKORAMO** | **REGULATION N° 37/2021 OF 21/01/2021 ON THE APPLICATION OF PROPORTIONALITY PRINCIPLE TO BANKS** | **RÈGLEMENT N ° 37/2021 DU 21/01/2021 SUR L'APPLICATION DU PRINCIPE DE LA PROPORTIONNALITÉ AUX BANQUES** |
| Ishingiye ku Itegeko N° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;<br><br>Ishingiye ku Itegeko Nº 47/2017 ryo ku wa 23/9/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 36, iya 48 n'iya 63;<br><br>Banki Nkuru y'u Rwanda yitwa "Banki Nkuru" mu ngingo zikurikira, itegetse: | Pursuant to Law N° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda especially in its articles 6, 8, 9,10,15;<br><br>Pursuant to Law Nº 47/2017 of 23/9/2017 governing the organization of banking, especially in articles 4, 36, 48 and 63;<br><br>The National Bank of Rwanda, hereinafter referred to as "the Central Bank", decrees: | Vu la Loi N° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 8, 9,10 et 15;<br><br>Vu la Loi Nº 47/2017 du 23/9/2017 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 4, 36,48 et 63 ;<br><br>La Banque Nationale du Rwanda ci-après dénommée "la Banque Centrale", édicte : |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza rusange agamije**<br><br>Aya mabwiriza rusange agamije:<br><br>1° Kuboneza ingufu zishyirwa mu igenzura rya banki hashingiwe ku ishusho ry'ibyateza ingorane, ku rusobe no ku miterere y'imirimo y'amabanki;<br><br>2° Kubungabunga imari ku buryo | **<u>Article One</u>: Purpose of this Regulation**<br><br>This Regulation aims at:<br><br>1° Adjusting supervisory intensity based on risk profile, complexity and business model of banks;<br><br>2° Maintaining financial stability by increasing | **<u>Article premier</u>: Objet du présent règlement**<br><br>Le présent règlement a pour but de :<br><br>1° Ajuster l'effort de supervision bancaire en fonction du profil de risque, de la complexité et du modèle d'activités des banques ;<br><br>2° Maintenir la stabilité financière en augmentant |

| | | |
|---|---|---|
| idahindagurika hongerwa uburyo bwo gukora byinshi ku kiguzi gito no kugabanya urusobe rw'ibisabwa ku buryo bitabangamira umusaruro no kugira imari ihagaze neza mu rwego rw'imari muri rusange. | cost efficiency and reducing the complexity of requirements without, at the same time, affecting the effectiveness and soundness of the overall system. | le rapport coût-efficacité et en réduisant la complexité des exigences sans pour autant nuire à l'efficacité et à la solidité du système global. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abarebwa n'aya mabwiriza rusange**<br>Aya mabwiriza rusange akurikizwa ku byiciro byose by'amabanki nk'uko bisobanuwe muri aya mabwiriza rusange. | **<u>Article 2</u>: Scope of Regulation**<br><br>This regulation shall apply to all categories of banks as defined in this regulation. | **<u>Article 2</u>: Champ d'application du Règlement**<br><br>Le présent règlement s'applique à toutes les catégories de banques telles que définies dans ce règlement. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo**<br><br>Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira :<br><br>1° **Ibisabwa amabanki hashingiwe ku ngano, ubwoko n'uburyo ikoramo**: guhuza imiterere n'ingufu mu igenzura bigakurikiza umwihariko wa banki, ishusho y'icyayiteza ingorane, ubwoko bw'imirimo ikora n'ubunini bwayo ;<br><br>2° **Banki**: isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite uburyozwe bugarukira ku migabane cyangwa koperative yemerewe na Banki Nkuru gukora imirimo yo kwakira no kubika amafaranga no gutanga inguzanyo ku giti cyayo. Cyakora, banki z'iterambere ntizemerewe kwakira no kubika amafaranga ya rubanda. | **<u>Article 3</u>: Definitions**<br><br>In this regulation, the following terms are defined as follows:<br><br>1° **Proportionality:** adapting the nature and intensity of supervision to the specificities of the bank, its risk profile, its business model and its size;<br><br>2° **Bank:** a public company limited by shares or a cooperative licensed by the Central Bank to undertake activities of accepting deposits and granting loans for its own account. However, development banks are prohibited to collect deposits from the public; | **<u>Article 3</u>: Définitions**<br><br>Aux fins du présent règlement les termes repris ci – après ont les significations suivantes :<br><br>1° **Proportionnalité**: faire correspondre la nature et l'effort déployé dans la supervision aux spécificités de la banque, à son profil de risque, à son modèle économique et à sa taille ;<br><br>2° **Banque** : société publique à responsabilité limitée par action ou une coopérative agréée par la Banque Centrale pour effectuer des activités de recevoir des fonds pour dépôts et consentir des prêts pour son propre compte. Toutefois, les banques de développement ne sont pas autorisées à recevoir des dépôts du public ; |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Inzego z'amabanki** | **<u>Article 4</u>: Classification of banks** | **<u>Article 4</u>: Classification des banques** |

| | | |
|---|---|---|
| Muri aya mabwiriza rusange, amabanki ashyizwe mu nzego ebyiri zikurikira:<br><br>1° **Urwego rwa I**: harimo banki afite umutungo wose uri hejuru ya miriyari ijana z'amafaranga y'u Rwanda (100.000.000.000 FRW) ;<br><br>2° **Urwego rwa II**: harimo banki ifite igiteranyo cy'umutungo kiri munsi ya miriyari magana abiri z'amafaranga y'u Rwanda (200.000.000.000 FRW).<br><br>Ishyirwa mu byiciro rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ritangazwa na Banki Nkuru kandi buri banki imenyeshwa urwego ibarizwamo mu mpera za Mata buri mwaka.<br><br>Banki y'abanyamuryango na banki y'iterambere ntiziri mu Urwego rwa I n'Urwego rwa II bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ariko afite ibyo asabwa byihariye biteganwa muri aya mabwiriza rusange. | For the purpose of this regulation, banks are classified in two levels as follows:<br><br>1° **Level I:** include a bank whose total asset is equal and above two hundred billion Rwandan Francs (FRW 200,000,000,000);<br><br>2° **Level II:** include a bank whose total asset is below two hundred billion Rwandan francs (FRW 200,000,000,000) each.<br><br>The classification specified in paragraph one of this Article shall be disclosed by the Central Bank and each bank shall be communicated the level in which it fits end of April of every year.<br><br>A cooperative bank and a development bank are excluded from Level I and II provided in paragraph One of this Article, but they are subjected to specific requirements defined in this regulation. | Aux fins du présent règlement, les banques sont classées en deux niveaux comme suit :<br><br>1° **Niveau I**: comprend la banque dont l'actif total est supérieur à deux cent milliards de francs rwandais (100.000.000.000FRW);<br><br>2° **Niveau II**: comprend la banque dont l'actif total est inférieur à deux cent milliards de francs rwandais (200.000.000.000 FRW) chacune.<br><br>La classification visée à l'alinéa premier du présent article est publiée par la Banque Centrale et chaque banque se voit communiquer le niveau auquel elle se situe à la fin du mois d'avril de chaque année.<br><br>La banque coopérative et la banque de développement sont exclus dans le Niveau I et II prévues dans l'alinéa premier du présent article mais elles sont soumises aux exigences spécifiques telles que définies dans le présent règlement. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IBISABWA AMABANKI BITANDUKANYE HASHINGIWE KU NGANO, UBWOKO N'UBURYO IKORAMO** | **<u>CHAPTER II</u>: PROPORTIONALITY PRINCIPLE IN DIFFERENT REQUIREMENTS** | **<u>CHAPITRE II</u>: PRINCIPE DE PROPORTIONNALITÉ DANS DIFFÉRENTES EXIGENCES** |
| **<u>Ingingo ya 5</u> : Komite z'Inama y'Ubutegetsi**<br><br>Bitabangamiye ibiteganywa n'amabwiriza yerekeye imiyoborere y'amabanki, ihame ry'ibisabwa amabanki hashingiwe ku ngano, ubwoko n'uburyo ikoramo rirakurikizwa mu | **<u>Article 5</u>: Board committees**<br><br>Without prejudice to the provisions of the regulation on corporate governance for banks, the proportionality principle shall apply in corporate | **<u>Article 5</u>: Comités du Conseil d'administration**<br><br>Sans préjudice des dispositions du règlement relatif à la gouvernance des banques, le principe de proportionnalité s'applique à la gouvernance des |

| | | |
|---|---|---|
| miyoborere y'amabanki.<br>Amabanki ari mu rwego rwa I agira inama z'ubutegetsi zirmo komite ziteganywa mu mabwiriza rusange yerekeye imiyoborere y'amabanki.<br><br>Banki ziri mu rwego rwa II zitegetswe kugira komite zikurikira:<br><br>1° Komite ishinzwe gucunga ibyateza ingorane;<br><br>2° Komite ishinzwe igenzura;<br><br>3° Komite ishinzwe gutanga inguzanyo.<br><br>Ibibazo byerekeye gushyiraho abakozi n'imishahara biganirwaho mu nama y'abagize inama y'ubutegetsi bose, na ho ibibazo byerekeye ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho biganirwaho muri komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane. | governance of banks.<br>Banks classified in Level I have Board committees as specified in the regulation on corporate governance for banks.<br><br>Mandatory committees for banks classified in Level II are:<br><br>1° Risk Committee;<br><br>2° Audit Committee;<br><br>3° Credit Committee.<br><br>Affairs related to nomination and remuneration are discussed in full board, while issues related to information technology are discussed in the Board risk committee. | banques.<br>Les banques classées au Niveau I disposent de comités du conseil d'administration conformément aux dispositions du règlement relatif à la gouvernance des banques.<br><br>Des comités obligatoires pour les banques classées au Niveau II sont les suivants :<br><br>1° Comité de gestion des risques;<br><br>2° Comité d'audit ;<br><br>3° Comité de crédit<br><br>Les matières relatives à la nomination et à la rémunération sont discutées en conseil d'administration, tandis que les questions relatives à la technologie de l'information sont discutées au sein du comité de gestion des risques. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Abagize komite y'inama y'ubutegetsi**<br><br>Amabanki ari mu rwego rwa I agomba kubahiriza ibisabwa byerekeye abagize inama y'ubutegetsi biteganyijwe mu mabwiriza rusange yerekeye imiyoborere y'amabanki.<br><br>Ku mabanki ari mu rwego rwa II, inama y'ubutegetsi igomba kuba igizwe nibura n'abantu batanu (5), barimo nibura batatu (3) bigenga. Iyo | **<u>Article 6</u>: Composition of the board committee**<br><br>Banks classified in level I comply with the requirements related to the board composition as provided for in the regulation on corporate governance for banks.<br><br>For banks classified in level II, the board must be comprised of at least five (5) directors, of which at least three (3) of them must be independent | **<u>Article 6</u>: Composition du comité du conseil d'administration**<br><br>Les banques classées au Niveau I doivent se conformer aux exigences relatives à la composition du comité du conseil d'administration prévues par le règlement relatif à la gouvernance des banques.<br><br>Pour les banques classées au Niveau II, le conseil d'administration doit être composé d'au moins cinq (5) administrateurs, dont au moins trois (3) |

| | | |
|---|---|---|
| banki ifashe icyemezo cyo kugira inama y'ubutegetsi igizwe n'abarenze batanu (5), buri gihe hagomba kubahirizwa igipimo cya batatu kuri batanu (3/5) bigenga. | directors. Should a bank decide to have more than five (5) directors, the 3/5 ratio of independent directors must be maintained at all times. | administrateurs indépendants. Lorsqu'une banque décide de se doter de plus de cinq (5) administrateurs, le ratio de trois (3) sur cinq (5) des administrateurs indépendants doit être maintenu en tout temps. |
| **<u>Ingingo ya 7</u> : Urwego rw'umurimo rushinzwe kubahiriza amategeko no gucungana n'ibyateza ingorane**<br><br>Amabanki ari mu rwego rwa I agomba gutandukanya urwego rushinzwe kubahiriza amategeko n'urwo gucungana n'ibyateza ingorane.<br><br>Amabanki ari mu rwego rwa II ashobora kugira urwego rumwe rw'umurimo rukomatanya iyubahirizwa ry'amategeko n'imicungire y'ibyateza ingorane.<br><br>Inshingano z'urwego rw'umurimo rukomatanya iyubahirizwa ry'amategeko n'imicungire y'ibyateza ingorane mu mabanki zigomba kuba zisa n'izivugwa mu mabwiriza rusange yerekeye imiyoborere y'amabanki. | **<u>Article 7</u>: Risk management and compliance function**<br><br>Banks classified in level I shall separate the function of risk management with the function of compliance.<br><br>Banks classified in level II may have one function combining both risk management and compliance.<br><br>The responsibilities of function merging the risk management and compliance shall be identical as the ones stated in the regulation on corporate governance for banks. | **<u>Article 7</u>: Fonctions de gestion des risques et de conformité aux lois**<br><br>Des banques classées au niveau I doivent séparer la fonction de gestion des risques de celle de la fonction de conformité.<br><br>Des banques classées au niveau II peuvent avoir une seule fonction combinant à la fois la gestion des risques et la conformité.<br><br>Les responsabilités de la fonction combinant la gestion des risques et la conformité sont identiques à celles prévues dans le règlement relatif à la gouvernance des banques. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Itangwa ry'isuzuma ko banki ifite imari shingiro ihagije (ICAAP) n'iry'isesengura ry'ubwihaze mu bushobozi bwo kubona amafaranga (ILAAP)**<br><br>Amabanki ari mu rwego rwa I agomba, buri mwaka, gushyikiriza Banki Nkuru ICAAP na ILAAP nk'uko biteganyijwe n'umurongo ngenderwaho werekeye ICAAP na ILAAP.<br><br>Amabanki ari mu rwego rwa II agomba gushyikiriza Banki Nkuru ICAAP na ILAAP bigaragaza uko ahagaze<br><br>Banki Nkuru, ikoresheje amabwiriza, igena amakuru atagomba kubura mu yashyirwa muri ILAAP na ICAAP by'amabanki ari mu rwego rwa II. | **<u>Article 8</u>: Submission of Internal Capital Adequacy Assessment Process (ICAAP) and Internal Liquidity Adequacy Assessment Process (ILAAP)**<br><br>Banks classified in level I shall, on annual basis, submit to the Central Bank ICAAP and ILAAP as prescribed in the framework on ICAAP and ILAAP.<br><br>Banks classified in level II shall submit a tailored ICAAP and ILAAP.<br><br>The Central Bank, by directive, shall determine minimum information to be included in ILAAP and ICAAP for banks classified in level II. | **<u>Article 8</u>: Soumission du processus interne d'évaluation de l'adéquation du capital (ICAAP) et du processus d'évaluation de l'adéquation de la liquidité Interne (ILAAP)**<br><br>Les banques classées au niveau I doivent, chaque année, soumettre à la Banque Centrale l'ICAAP et l'ILAAP comme le prévoit le cadre relatif à l'ICAAP et à l'ILAAP.<br><br>Les banques classées au niveau II soumettent un ICAAP et un ILAAP adaptés.<br><br>La Banque Centrale détermine, par voie de directive, les informations minimales à inclure dans l'ILAAP et l'ICAAP pour les banques classées au niveau II. |
| **<u>UMUTWE WA III</u> : IBISABWA BANKI Z'ABANYAMURYANGO N'AMABANKI Y'ITERAMBERE** | **<u>CHAPTER III</u>: PROPORTIONALITY PRINCIPLE IN COOPERATIVE AND DEVELOPMENT BANKS** | **<u>CHAPITRE III</u>: PRINCIPE DE PROPORTIONNALITÉ DANS DES BANQUES COOPÉRATIVES ET BANQUES DE DÉVELOPPEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u> : Ibisabwa byihariye kuri banki y'abanyamuryango**<br><br>**<u>Ingingo ya 9</u>: Gutangaza raporo y'imari n'andi makuru atangazwa na koperative y'abanyamuryango**<br><br>Bitabangamiye ibiteganywa n'amabwiriza yerekeye itangazwa rya raporo y'imari n'andi makuru atangazwa n'amabanki, si ngombwa ko | **<u>Section One</u>: Proportionality principle for cooperative bank**<br><br>**<u>Article 9</u>: Publication of financial statement and other disclosures by a cooperative bank**<br><br>Without prejudice to the provisions of the regulation relating to Publication of Financial statements and other disclosures by banks, it shall | **<u>Section première</u>: Principe de proportionnalité pour la banques coopérative**<br><br>**<u>Article 9</u>: Publication des états financiers et autres informations par la banque coopérative**<br><br>Sans préjudice des dispositions du règlement relatif à la publication des états financiers et autres informations par les banques, la publication des |

| | | |
|---|---|---|
| banki y'abanyamuryango itangariza rubanda raporo y'imari n'andi makuru<br><br>Banki y'abanyamuryango zishyiraho uburyo buboneye bwo gutangaza amakuru agenewe abanyamuryango bayo kandi amakuru mu mibare ni yo ashobora gutangazwa.<br><br>Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibivanaho inshingano yo gushyikiriza Banki Nkuru amakuru agomba gutangarizwa abafatanyabikorwa bireba. | be optional for a cooperative bank to publish its financial statements and other disclosures to the public.<br><br>A cooperative bank shall ensure that there is effective mode of disclosing information to members and only quantitative information may be disclosed.<br><br>The provisions of Paragraph One of this Article does not preclude the obligation of submitting to the Central Bank information to be disclosed to concerned stakeholders. | états financier et autre divulgation au grand public est facultative pour la banque coopérative.<br><br>Une banque coopérative veille à ce qu'il y ait un mode efficace de divulgation des informations aux membres et seules des informations quantitatives peuvent être divulguées.<br><br>Les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'excluent pas l'obligation de soumettre à la Banque Centrale des informations à divulguer aux parties prenantes concernées. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Igipimo ntarengwa ku myenda ihabwa abantu bafitanye isano na koperative y'abanyamuryango**<br><br>Nta na rimwe imyenda yose hamwe ihabwa ufitanye isano na banki y'abanyamuryango igomba kurenga 5% by'imari shingiro bwite .<br><br>Banki y'abanyamuryango ntitegetswe gukurikiza ibipimo mbumbe ntarengwa by'imyenda iha abafitanye isano nayo cyangwa amatsinda y'abantu bafitanye isano na yo. | **<u>Article 10</u>: Limit of exposures to a cooperative bank related parties**<br><br>The total exposure to a cooperative bank related party shall not, in any case, exceed 5% of the core capital of the cooperative bank.<br><br>A cooperative bank is not subjected to aggregate exposures to its related parties or to groups of connected persons to its related parties. | **<u>Article 10</u>: Limite des expositions sur des parties liées à une banque coopérative**<br><br>Le total des engagements consentis à une partie liée à une banque coopérative ne doit en aucun cas dépasser 5% des fonds propres de la banque coopérative<br><br>Des banques coopératives ne sont pas soumises à l'ensemble des engagements consentis à des parties liées à la banque coopérative ou à des groupes de parties liées à la banque. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Abagize Inama y'Ubutegetsi muri koperative y'abanyamuryango**<br><br>Inama y'Ubutegetsi ya banki y'abanyamuryango igomba kuba igizwe nibura n'abantu barindwi (7), barimo nibura babiri (2) bari mu nama y'ubutegetsi bigenga. | **<u>Article 11</u>: Composition of the Board of Directors in the cooperative bank**<br><br>The board of a cooperative bank must be comprised of at least seven (7) directors, of which at least two (2) of them must be independent directors. | **<u>Article 11</u>: Composition du Conseil d'Administration dans la banque coopérative**<br><br>Le conseil d'administration de la banque coopérative doit être composé d'au moins sept (7) administrateurs, dont deux (2) au moins sont des administrateurs indépendants. |

| | | |
|---|---|---|
| Abari mu nama y'ubutegetsi bigenga bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bayobora komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe igenzura na komite y'inama y'ubutegetsi ishinzwe imicungire y'ibyateza ingorane. | Independent directors referred to in Paragraph One of this Article must chair the audit committee and risk committee. | Des administrateurs indépendants visés à l'alinéa premier du présent article président le comité d'audit et le comité de gestion des risques. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Komite z'Inama y'Ubutegetsi za banki y'abanyamuryango**<br><br>Banki y'abanyamuryango igomba kugira nibura komite eshatu (3) z'inama y'ubutegetsi.<br><br>Komite zitagomba kubura mu zigize inama y'ubutegetsi ni izi zikurikira:<br><br>1° Komite ishinzwe ibyateza ingorane;<br><br>2° Komite ishinzwe igenzura;<br><br>3° Komite ishinzwe inguzanyo<br><br>Ibyerekeye gushyiraho abakozi n'imishahara biganirwaho mu nama y'abagize inama y'ubutegetsi naho ibibazo byerekeye ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho biganirwaho muri komite y'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe gucunga ibyateza ingorane. | **<u>Article 12</u>: Board committees of a cooperative bank**<br><br>Cooperative Bank must have at least three (3) minimum board committees.<br><br>The required minimum committees are the following:<br><br>1° Risk management committee;<br><br>2° Audit committee;<br><br>3° Credit committee<br><br>Affairs related to nomination and remuneration shall be discussed in full board while issues related to information technology shall be discussed in the risk Committee. | **<u>Article 12</u>: Comités du conseil d'administration de la banque coopérative**<br><br>Une Banque Coopérative doit avoir moins trois (3) comités de conseil d'administration.<br><br>Les comités minimums requis sont les suivants :<br><br>1° Comité de gestion des risques ;<br><br>2° Comité d'audit ;<br><br>3° Comité de crédit<br><br>Les matières relatives à la nomination et à la rémunération sont discutées en conseil d'administration tandis que celles relatives à la technologie de l'information sont discutées au sein du comité de gestion des risques. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibisabwa byihariye ku kuri banki y'iterambere** | **<u>Section 2</u>: Proportionality principle for a development bank** | **<u>Section 2</u>: Proportionnalité pour la banque de développement** |
| **<u>Ingingo ya 13:</u> Igipimo mu madevize bwite abitse kuri banki y'iterambere**<br><br>Ibibazo byaturuka mu kutubahiriza ibipimo ntarengwa k'umutungo mu madovize upimwe hakoreshejwe ibiciro ku isoko mu minsi ibiri n"uburyo bubangutse bwa "shorthand method" ntibigomba kurenga ± 20%/-60% by'imari bwite nyayo ya banki. Amafaranga yose arenga ku mutungo bwite mu madovize abitse agomba gukoreshwa yose mu minsi bibiri (2) ikurikira.<br><br>Uretse igihe Banki Nkuru ibiteganyije ukundi, ingorane zaturuka mu ivunjisha ry'amadovize mu ifaranga iryo ari ryo ryose hatitawe ku kureba niba amadovize arenze igipimo cyangwa adahagije, gishyirwaho na banki y'iterambere gipfa gusa kutarenga igipimo ntarengwa mbumbe cya +20%/-60% by'imari shingiro bwite nyayo ya banki.<br><br>Banki y'iterambere ni yo yicungira icyateza ingorane mu ivunjisha n'icyatera ingorane ku isoko nk'uko biteganyijwe mu mabwiriza rusange yerekeye imicungire y'ibyateza ingorane ku mabanki. | **<u>Article 13</u>: Net Open Position for a development bank**<br><br>The overall foreign exchange risk exposure as measured using spot mid-rates and shorthand method shall not exceed +/- 20%/-60% of the bank's core capital. Any excess to the net open position shall be absorbed the following two (2) days.<br><br>Unless otherwise provided by the Central Bank, the foreign exchange risk exposure in any single currency, irrespective of short or long position, shall be determined by the development bank provided it remains within the overall exposure limit of +20/- 60% of its core capital.<br><br>A development bank shall manage foreign exchange and market risk as provided for in the regulation on risk management for banks. | **<u>Article 13</u>: Position nette de change pour la banque de développement**<br><br>La position nette de change globale telle que mesurée au moyen des taux moyens au comptant et de la méthode « shorthand » ne doit pas dépasser ± 20 %/-60% des fonds propres de la banque. Tout excédent par rapport à la position nette de change doit être absorbé dans les deux jours suivants..<br><br>Sauf disposition contraire de la Banque Centrale, la position nette de change dans une seule monnaie, qu'il s'agisse d'une position débitrice ou créditrice, est déterminée individuellement par la banque de development pourvu qu'elle reste dans la limite globale de +20 %/-60% de ses fonds propres nets.<br><br>La banque de développement gère le risque de change et le risque de marché conformément au règlement relatif à la gestion des risques pour les banques. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibisabwa birebana n'ubushobozi bwo kubona amafaranga**<br><br>Bitabangamiye amabwiriza yerekeye ibisabwa byerekeye ubushobozi bwo kubona amafaranga | **<u>Article 14</u>: Liquidity requirement**<br><br>Without prejudice to the regulation on liquidity requirement for banks, the Central Bank shall, by | **<u>Article 14</u>: Exigence de liquidité**<br><br>Sans préjudice du règlement relatif aux exigences de liquidité des banques, la Banque Centrale peut |

| | | |
|---|---|---|
| ku mabanki, Banki Nkuru ishobora kugena, ikoresheje mabwiriza, ibisabwa byerekeye ubushobozi bwo kubona amafaranga ku mabanki y'iterambere. | a Directive, may determine liquidity requirements for development banks. | déterminer, par voie de directive, les exigences de liquidités pour les banques de développement |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ishoramari rinini**<br><br>Banki y'iterambere ibujijwe gukora ishoramari rinini mu migabane y'andi masosiyete itabanje kubyemererwa na Banki Nkuru.<br><br>Nta na rimwe igiteranyo cy'igishoro mu migabane y'andi masosiyete kigomba kurenga 60% by'imari shingiro bwite ya banki.<br><br>Muri aya mabwiriza rusange, imari n'imigabane by'isosiyete bigizwe n'imigabane isanzwe n'imigabane itanga uburenganzira bwo kurutishwa abandi.<br>Banki y'iterambere igomba kumenyesha Banki Nkuru irindi shoramari iryo ari ryo ryose ritari ishoramari rinini. | **<u>Article 15</u>: Major investment**<br><br>A development bank shall not make a major investment in equity shares in other companies without obtaining prior approval of the Central Bank.<br><br>The aggregate investment in equity shares of other companies by a bank shall not at any time exceed 60% of bank's core capital.<br><br>For the purpose of this Regulation, the equity shares of the company shall include both ordinary shares, and preference shares.<br><br>A development bank shall notify the Central Bank any other investment that is not a major investment. | **<u>Article 15</u>: Investissement important**<br><br>Une banque de développement ne doit pas effectuer l'investissement important dans des actions d'autres sociétés sans en avoir obtenu l'approbation préalable de la Banque Centrale.<br><br>Le total d'investissement d'une banque dans des actions participatives d'autres sociétés ne doit à aucun moment dépasser 60 % des fonds propres nets de la banque.<br><br>Aux fins du présent Règlement, les actions participatives de la société comprennent à la fois des actions ordinaires et des actions privilégiées.<br><br>Une banque de développement doit notifier la Banque Centrale tout autre investissement qui ne constitue pas un investissement important. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Inguzanyo ivuguruye**<br><br>Inguzanyo itari inguzanyo yihutirwa ishobora kuvugururwa inshuro zirenze ebyiri ku gihe cy'inguzanyo y'ibanze imara yishyurwa ariko ntishobora kuvugururwa inshuro zirenze enye.<br><br>Ivugururwa ry'inguzanyo rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ryemerwa iyo ibisabwa bikurikira byubahirijwe : | **<u>Article 16</u>: Restructured credit facility**<br><br>A credit facility other than overdraft may be restructured more than twice over the life of the original facility but shall not exceed four time.<br><br>The restructuring stipulated under Paragraph One of this Article shall be allowed if the following conditions are met: | **<u>Article 16</u>: Facilité de crédit restructurée**<br><br>Une facilité de crédit autre qu'un découvert peut être restructurée plus de deux fois pendant la durée de vie de la facilité initiale, mais la restructuration ne peut pas dépasser quatre fois.<br><br>La restructuration prévue à l'alinéa premier du présent article est autorisée si les conditions suivantes sont remplies : |

| | | |
|---|---|---|
| 1° Umubare ntagibwa munsi w'ivugururwa ry'inguzanyo wubahirizwa gusa ku mishinga yarengeje igihe cyo kuyishyira mu bikorwa kandi ifite igihe imara kitarenze imyaka 10. Kuvugurura inguzanyo bishobora kuba ku mishinga irimo gushyirwa mu bikorwa byitabwaho ; | 1° The maximum number of restructuring applies only to projects that have gone beyond implementation phase and with maturity period above 10 years. Restructuring that may happen on projects under implementation are considered; | 1° Le nombre maximum de restructurations s'applique uniquement aux projets qui ont dépassé la phase d'exécution et dont la période de maturité est supérieure à 10 ans. Les restructurations qui peuvent avoir lieu sur des projets en cours d'exécution sont prises en considération; |
| 2° Inshuro zose inguzanyo ivugururwa ntizigomba kuba zarangiye mu gihe cy'imyaka 5 ukurikije igihe umushinga umara ; | 2° The total number of loan restructuring shall not be exhausted within a period of 5 years during the project lifetime; | 2° Le nombre total de restructurations de prêts doit être épuisé dans une période de 5 ans pendant la durée de vie du projet ; |
| 3° Kuvugurura igihe inguzanyo imara ntibigomba kurenga imyaka 5 uhereye igihe cyumvikanyweho inguzanyo izatangira kwishyurwa (hitabwa ku nshuro zose ivugurura ryakozwe) ; | 3° Loan term restructuring must not exceed 5 years from the initially agreed maturity period (cumulatively considering all restructures); | 3° La restructuration de la durée du prêt ne doit pas dépasser 5 ans à partir de la période de maturité initialement convenue (en considérant cumulativement toutes les restructurations) ; |
| 4° Isuzuma ry'ivugururwa ry'inguzanyo rigomba kwemezwa n'inama y'ubutegetsi ; | 4° Loan restructuring appraisal shall be approved by the board; | 4° L'évaluation de la restructuration du prêt doit être approuvée par le conseil d'administration; |
| 5° Inama y'ubutegetsi igomba kwigenzurira ikamenya niba umushinga uhagaze neza mu byerekeye imari mu gihe ukorerwa isuzuma ; | 5° The board shall satisfy itself on financial viability of the concerned project during the appraisal; | 5° Le conseil d'administration doit s'assurer de la viabilité financière du projet concerné lors de l'évaluation ; |
| 6° Inama y'ubutegetsi igomba gusuzuma buri gihe akamaro kuvugurura inguzanyo byagize ku bipimo by'imari shingiro no ku mafaranga banki ibitse. | 6° The board shall regularly assess the impact of restructured loans on capital and liquidity positions of the bank. | 6° Le conseil d'administration doit évaluer régulièrement l'impact des prêts restructurés sur le capital et les liquidités de la banque. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 17: Igihe cy'inzibacyuho**<br><br>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa nyuma y'umwaka umwe (1) ubarwa uhereye ku munsi yatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **Article 17: Transitional period**<br><br>Banks are given a transitional period of one year from the date of the publication of this regulation in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for complying, with the provisions of this Regulation. | **Article 17: Période transitoire**<br><br>Les banques disposent d'un délai transitoire d'un an à partir de la publication de ce règlement dans le Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions du présent règlement,. |
| **Ingingo ya 18: Ibyemezo bikosora**<br><br>Banki itubahirije aya mabwiriza rusange ifatirwa ibyemezo byo kwikosora ndetse n'ibihano biteganyijwe mu itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki no mu mabwiriza yerekeye ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi no mu mafaranga bihabwa amabanki. | **Article 18: Corrective measures**<br><br>A bank failing to comply with this regulation shall be subject to corrective actions and sanctions as provided by the law governing the organization of banking and regulation on administrative and pecuniary sanctions applicable to banks. | **Article 18: Mesures correctives**<br><br>Une banque qui ne se conforme pas au présent règlement est passible de mesures correctives et de sanctions prévues par la loi portant organisation de l'activité bancaire et le règlement relatif aux sanctions administratives et pécuniaires applicables aux banques. |
| **Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza rusange**<br><br>Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije na yo zivanyweho. | **Article 19: Repealing provision**<br><br>All prior provisions inconsistent with this regulation are repealed. | **Article 19: Disposition abrogatoire**<br><br>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogées. |
| **Ingingo ya 20: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa**<br><br>Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **Article 20: Commencement**<br><br>This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **Article 20: Entrée en vigueur**<br><br>Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

**Kigali, 21/01/2021**

(sé)
**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**
**Governor**
**Gouverneur**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic**
**Vu et scellé du Sceau de la République**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta**
**Minister of Justice/Attorney General**
**Ministre de la Justice/Garde des Sceaux**